# Amazi y'inyanja aba afite isuku, n'ibyipfishije byayo biba biziruye

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze iti: Umugabo umwe yabajijie Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Tujya dukora urugendo rwo kunyura mu nyanja, tukitwaza amazi macye; turamutse tuyisukuje twagira inyota; ese twemerewe kwisukuza amazi y'inyanja? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: " Amazi y'inyanja aba afite isuku, n'ibyipfishije byayo biba biziruye."
[Hadithi y'impamo] [رواه أبو داود والترمذي والنسائي وابن ماجه وأحمد]

Umugabo umwe yabajijie Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigsha) ati: Tujya dukora ingendo zo kunyura mu nyanja, tugiye kuroba cyangwa se mu bucuruzi cyangwa se no mu bindi, tukitwaza amazi macye twateganyirije kunywa; kandi turamutse tuyisukuje yashira tukagira inyota; ese twemerewe kwisukuza amazi y'inyanja? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Amazi y'inyanja aba afite isuku, biremewe kuyisukuza waba utawaza cyangwa se wiyuhagira, ndetse n'ibyipfishije byayo nk'amafi n'ibindi biba biziruye."



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee